REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITIRI W'INTEBE

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MINISITIRI W'INTEBE DR. EDOUARD NGIRENTE

MU MUHANGO WO KWIBUKA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI KU NSHURO YA 25 MURI PRIMATURE N'IBIGO BIYISHAMIKIYEHO

Kigali, ku wa 12 Mata, 2019

- **Ba Nyakubahwa bayobozi batandakunye muri hano,**
- **Bavandimwe duhuriye mu muryango mugari wa Primature ugizwe n'abakozi ba Primature, RURA na GMO,**

1. Ndagira ngo mbanze mbaramutse, mwongeye kwirirwa. Bansabye gutanga impanuro, ariko mu by'ukuri navuga ko impanuro zamaze gutangwa. Nyuma y'ubuhamya bwatanzwe n'umuvandimwe wacu Kabera Jean Paul, ndetse n'inyigisho tumaze guhabwa na Jenerali James Kabarebe, iby'ingenzi byavuzwe. Ntabwo rero nza kuvuga amagambo menshi.

2. Ndagira rero ngo mbanze nongere nihanganishe, abavandimwe bacu bose bari hano barokotse Jenoside n'Abanyarwanda bose muri rusange. Nk'uko rero mubizi, buri mwaka Primature n'ibigo biyishamikiyeho aribyo RURA na GMO, twifatanya n'abandi Banyarwanda mu bikorwa byo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi. Kwibuka Jenoside ni inshingano ku Banyarwanda twese. Ni muri urwo rwego rero uyu munsi twahuye kugira ngo twibuke ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi.

3. Ndifuza gushimira by'umwihariko, bwana Kabera Jean Paul waduhaye ubuhamya, akutubwira ibihe bibi yanyuzemo ari umwana utarakura wigaga mu mashuri abanza. Byari ibihe bikomeye.

4. Ndagira ngo kandi nshimire Jenerali James Kabarebe, umaze kutugezaho ikiganiro twigiyemo byinshi. Yabivuze muri make. Ibyo azi byose, ku rugendo Igihugu cyacu cyanyuzemo, ntabwo yabivuga ngo abirangize. Gusa ibyo yatunyuriyemo ni impamba ikomeye yaduhaye.

5. N'kuko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yabishimangiye ku itariki ya 07 Mata 2019, ku munsi wo gutangiza icyumweru cyo kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi, Igihugu cyacu ntigishobora kwihanganira kubaho mu mateka yisubiramo. Umukuru w'Igihugu kandi yanatwibukije uruhare urubyiruko rwacu rugomba kugira mu gusigasira ibyo twagezeho.

6. Muri urwo rwego yongeye kwibutsa ko urubyiruko rw'Abanyarwanda rufite ibyo rukeneye byose kugira ngo rukomeze guteza imbere Igihugu cyacu, ariko kandi anongeraho ko nk'urubyiruko n'Abanyarwanda twese dufite inshingano yo gukomeza kugira ibintu ibyacu, kandi tukagira uruhare mu kubaka u Rwanda twifuza kandi rutubereye.

7. Dukomeje rero gushima Abanyarwanda bose bongera imbaraga mu gukomeza kubaka Igihugu cyacu nk'uko ubutumwa nyamukuru ari ukwibuka twiyubaka, twubaka Igihugu cyacu, twubaka ejo heza habereye Igihugu cyacu, Igihugu urubyiruko ruzakuriramo ndetse n'abakuze bakarusaziramo bishimye banezerewe.

8. Amateka rero yagiye aranga Igihugu cyacu atari meza, tukaba twizeye ko urubyiruko ruzayarwanya, urubyiruko rukabana neza, abana bato bagakurira mu Gihugu cyiza, abakuru nabo tugakora imirimo dushinzwe dushingiye kuri uwo musingi washyizweho kugira ngo Igihugu gikomeze gutera imbere mu nzego zose, ari mu rwego rw'ubukungu, ari imibereho myiza, n'imiyoborere. Aho tugeze ni kure kandi ababanje bose bakomeje kwerekana ko amahanga adushima, abadusura badushima natwe tukavuga ngo ntidusubire inyuma dukomeze gukora ibyo dusabwa kugira ngo duteze imbere igihugu cyacu.

9. Bavandimwe mwese muteraniye hano, urumuri rw'icyizere twacanye mu kanya, rukomeze kutubera ikimenyetso cyo gutana burundu n'umwijima waranze amwe mu mateka mabi yacu. Urwo rumuri twacanye rudufashe gukomeza gusenyera umugozi umwe nk'Abanyarwanda bashyize hamwe.

10. Uru rumuri kandi by'umwihariko, ruzamurikire urubyiruko rwacu, arirwo mizero y'ejo hazaza, kugira ngo rukomeze guharanira gukora neza, rukora ibyiza.

11. Ntabwo rero nk'uko nabivuze, uyu munsi ndibuvuge ijambo rirerire kuko ni umunsi wo kwibuka kandi twabonye abatwibukije ubuzima Igihugu cyacu cyanyuzemo; ntabwo mbisubiramo. Ndagira ngo mpinire aha ngaha ijambo ryanjye nshimira abantu bose bateguye uyu munsi wo kwibuka muri Primature n'Inzego ziyishamikiyeho. Ndashimira kandi umushyitsi wacu Generali James Kabarebe waje kuduha ikiganiro ku buzima bw'Igihugu cyacu n'amateka twanyuzemo. Ndashimira na Kabera Jean Paul; umukozi wa GMO, ikigo gishamikiye kuri Primature, waduha ubuhamya. Ndashimira kandi abahanzi bakomeje kudususurutsa binyuze mu ndirimbo zabo zarimo ubutumwa bwiza bukomeza kutwubaka, tukubaka n'Igihugu cyacu.

Murakoze.